INAMA NKURU Y'ITANGAZAMAKURU

Tél : 570333/4
B.P.: 6929 KIGALI
E-mail : hcp@terramail.rw
Website: www.hcp.gov.rw

RAPORO Y'ISESENGURAMAKURU : IMYITWARIRE Y'ITANGAZAMAKURU MU RWANDA MU GIHE CYO KWIBUKA JENOSIDE KU NSHURO YA CUMI NA GATATU

Kigali, Nyakanga 2007

© HCP Media Monitoring Team

IJAMBO RYA PEREZIDA WA HCP

Ngiyi raporo ya kane y'isesenguramakuru Inama Nkuru y'Itangazamakuru ikoze mu rwego rwo kugaragaza uko itangazamakuru ryitwara mu gihe mu Rwanda hibukwa amahano ya Jenoside yagwiriye igihugu cyacu muri 1994. Kimwe n'izindi raporo zayibanjirije iyi raporo ikubiyemo isesengura ry'amakuru yatangajwe ku maradiyo akorera mu Rwanda, ayo mu mahanga ahumvikana ku mirongo ya FM (BBC n'Ijwi ry'Amerika), amakuru yatangajwe mu binyamakuru bikorera mu Rwanda hamwe na Televiziyo y'u Rwanda.

Iyi raporo yakozwe hagamijwe kureba ko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'amahame bigenga umwuga mu mikorere yabyo ya buri munsi no mu bihe bikomeye nk'ibyo kwibuka jenoside yabaye mu Rwanda. Hari hagamijwe kandi gusuzuma ko itangazamakuru ryuzuza inshingano zaryo zo kunganira Leta muri gahunda zayo zibanze harimo ubumwe n'ubwiyunge, ubutabera, inkiko Gacaca, gufasha abatsite ku icumu, kurwanya amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi.

Nk'uko bigaragara muri iyi raporo ariko, nubwo ibitangazamakuru byagerageje kuzuza inshingano zabyo kandi mu buryo bwubahiriza amategeko, imikorere yabyo mu gihe cyo kwibuka jenoside yagize inenge zitari nke. Byumwihariko ariko bimwe muri ibyo bitangazamakuru ntibyitaye ku nsanganyamatsiko y'umwaka wa 2007 uko bikwiye. Insanganyamatsiko yagiraga iti: «*Twibuke jenoside twita ku bacitse ku icumu, duharanira ubutabera* ». Urugero ku maradiyo 13 yakorewe isesenguramakuru, 7 muri yo nta kintu yigeze atangaza ku ngingo y'ubutabera. HCP ikaba ikangurira ubuyobozi bw'ibyo bitangazamakuru kujya buzirikana buri gihe insanganyamatsiko y'umwaka kandi bikanarushaho kwegera abaturage cyane abatuye mu cyaro kuko usanga jenoside ibagiraho ingaruka zirenze iz'abandi.

Abbée Dominique KAREKEZI

Perezida

INSHAMAKE

Muri uyu mwaka wa 2007, ku nshuro ya cumi na gatatu u Rwanda rwibutse jenoside yabaye muri 1994. Inama Nkuru y'Itangazamakuru yakoze raporo ya kane igaragaza uko itangazamakuru rikorera mu Rwanda ryitwaye mu gihe cyo kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda. Iyi raporo ikubiyemo isesengura ry'ibyatangajwe n'amaradiyo, televiziyo n'ibinyamakuru mu gihe hibukwa ku nshuro ya cumi na gatatu (13) jenoside mu Rwanda. Iri sesengura ryakozwe ku makuru yatangajwe kuva kuwa 2 kugeza kuwa 14 Mata 2007 ku maradiyo na televiziyo, n'amakuru yatangajwe mu binyamakuru bikorera mu Rwanda byasohotse mu kwezi kwa Mata 2007. Iri sesenguramakuru rigamije kugaragaza uko itangazamakuru ryo mu Rwanda ryamenyesheje rikanajijura abanyarwanda n'abanyamahanga ku birebana no kwibuka ku nshuro ya cumi na gatatu jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994.

Uretse intangiriro, iyi raporo igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi: igice gisesengura amakuru yatangajwe n'amaradiyo na televiziyo, n'igice gisesengura amakuru yasohotse mu binyamakuru, igasozwa n'umwanzuro rusange ndetse n'ibyifuzonama. Inkuru zakorewe isesengura zose hamwe ni 668, zirimo inkuru 290 z'amaradiyo cumi n'abiri (12) na televiziyo imwe (1), n'inkuru 378 z'ibinyamakuru makumyabiri na kimwe (21).
Iyi raporo y'isesenguramakuru iragaragaza ko ibitangazamakuru byakoze umurimo wabyo ku buryo bukurikira:

- ✓ Kwibuka abazize jenoside ni yo ngingo yibanzweho n'itangazamakuru, ryaba iryandika n'irikoresha amajwi n'amashusho.
- ✓ Izindi ngingo zibanzweho cyane ni inkiko gacaca, imibereho y'abarokotse jenoside n'icyateye jenoside.
- ✓ Mu binyamakuru, mu nkuru 378, inkuru 1.33% ni zo zitagaragarizwa inkomoko izindi zose ziragaragarizwa inkomoko.
- ✓ Mu nkuru zasesenguwe, akarere ka Gasabo kavuzweho inkuru nyinshi kurusha utundi; ni ukuvuga 19.31% mu itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho, na 13.70% mu itangazamakuru ryandika.
- ✓ Mu nkuru zatangajwe zigakorerwa isesengura, inyinshi muri zo ni izivuga ibyakozwe n'ibyavuzwe ahanini n'abayobozi n'abaturage mu mihango yo kwibuka jenoside

Muri make, ibitangazamakuru, byakorewe isesenguramakuru byagerageje kuzuza inshingano zabyo, bimenyesha kandi bijijura abanyarwanda n'abanyamahanga ku bijyanye no kwibuka jenoside yabaye mu Rwanda. Icyakora nubwo itangazamakuru ryagerageje gukora umurimo waryo, hari ingingo z'ingenzi zitagarutsweho cyane n'itangazamakuru: uruhare rw'itangazamakuru muri jenoside, ingengabitekerezo ya jenoside, ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, n'izindi zigaragazwa muri iyi raporo. Ikindi ni uko hari aho amategeko n'amahame agenga umwuga atubahirijwe nko kutagaragaza inkomoko y'inkuru, gukoresha imvugo itukana, guca imanza mbere y'inkiko , kutagaragaza inkomoko y'amafoto no gukoresha amagambo adakwiye byagaragaye mu nkuru zimwe na zimwe.

IBIRIMO

IJAMBO RYA PEREZIDA WA HCP i
INSHAMAKE ii
IBIRIMO iii
URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE iv
IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE v
0. INTANGIRIRO 1
0.1. UMUSOGONGERO 1
0.2. IKIGAMIJWE 1
0.2.1. INTEGO RUSANGE 1
0.2.2. INTEGO ZIHARIYE 1
0. 3. UBURYO BWAKORESHEJWE 1
0.4. IBICE BIGIZE RAPORO 3

IGICE CYA MBERE 6

I. ITANGAZAMAKURU RIKORESHA AMAJWI N'AMASHUSHO 6
1.1. KUMENYESHA AMAKURU 6
1.1.1. IBYATANGAJWE 6
1.2. ICYIBANZWEHO 12
1.3. AHANTU 13
1.3.1. AKARERE KA GASABO 15
1.3.2. URWEGO MPUZAMAHANGA (INTERNATIONAL) 15
1.3.3. URWEGO RW'IGIHUGU (National) 16
1.3.4. AKARERE KA HUYE 17
1.3.5. AKARERE KA NYARUGENGE 18
1.4. UBWOKO BW'INKURU 19
UMWANZURO 19

IGICE CYA KABIRI 20

II. ITANGAZAMAKURU RIKORESHA INYANDIKO 20
2.1. IKIVUGWAHO 20
2.1.1. KWIBUKA ABAZIZE JENOSIDE 22
2.1.2. IMIBEREHO Y'ABAROKOTSE JENOSIDE 22
2.2. ICYIBANZWEHO 22
2.3. AHANTU 23
2.5. UBWOKO BW'INKURU 26
UMWANZURO 27

IGICE CYA GATATU 28

III. IBYEREKEYE IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO N'AMAHAME BIGENGA UMWUGA W'ITANGAZAMAKURU MU RWANDA 28
3.1. KUTAGARAGAZA INKOMOKO Y'INKURU 28
3.1.1. RADIYO NA TELEVIZIYO 28
3.1.2. IBINYAMAKURU 31
3.2. GUKORESHA IMVUGO ITUKANA 33
3.3. GUCA IMANZA IMBERE Y'INKIKO 33
3.4. KUTAGARAGAZA INKOMOKO Y'AMAFOTO 33
3.5. GUKORESHA AMAGAMBO ADAKWIYE 34
UMWANZURO 34
UMWANZURO RUSANGE 34
IBYIFUZONAMA 35

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe ya 1: Radiyo, televiziyo n'ibinyamakuru byakorewe isesenguramakuru 2
Imbonerahamwe ya 2: Ikivugwaho 4
Imbonerahamwe ya 3: Icyibanzweho 5
Imbonerahamwe ya 4: Inkomoko y'inkuru 5
Imbonerahamwe ya 5: Ahantu 5
Imbonerahamwe ya 6: Ubwoko bw'inkuru 5
Imbonerahamwe ya 7: Ikivugwaho 6
Imbonerahamwe ya 8: Ingingo "Kwibuka" 7
Imbonerahamwe ya 9: Ingingo « Imibereho y'abarokotse jenoside » 9
Imbonerahamwe ya 10: Ingingo ivuga ku "Inkiko Gacaca" 9
Imbonerahamwe ya 11: Ingingo "Icyateye jenoside" 10
Imbonerahamwe ya 13: Ingingo « Ubutabera » 12
Imbonerahamwe ya 14: Icyibanzweho 13
Imbonerahamwe ya 15: Ahantu 13
Imbonerahamwe ya 16: Ikivugwaho 20
Imbonerahamwe ya 17 Ikibanzweho 23
Imbonerahamwe ya 18 Ahantu 24
Imbonerahamwe ya 19: Ubwoko bw'inkuru 26
Imbonerahamwe ya 20: Inkomoko y'inkuru 29
Imbonerahamwe ya 21: Inkuru zigaragarizwa inkomoko >< Inkuru zitagaragarizwa inkomoko 30
Imbonerahmwe ya 22: Inkomoko y'inkuru 31
Imbonerahamwe ya 23 : Inkuru zigaragarizwa >< Inkuru zitagaragarizwa inkomoko 32
Umugereka I i

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE

BBC	British Broadcasting Corporation
FM	Frequency Modulation
GLH	Grands Lacs Hebdo
HCP	High Council of the Press
LNR	La Nouvelle Releve
Ra- Rwanda	Radiyo Rwanda
Ra-Huye	Radiyo y'abaturage ivugira mu karere ka Huye
Ra-Maria	Radio Maria
Ra-Rubavu	Radiyo y'abaturage ivugira mu karere ka Rubavu
Ra-Rusizi	Radiyo y'abaturage ivugira mu karere ka Rusizi
TNT	The New Times
TVR	Télévision Rwandaise
VOA	Voice of America

0. INTANGIRIRO

0.1. UMUSOGONGERO

Mu kuzuza inshingano yayo y'ibanze yo kugenzura, kurengera no guteza imbere ubwisanzure bw'itangazamakuru mu Rwanda, ihereye kandi ku ruhare itangazamakuru ryagize muri jenoside y'Abatutsi yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994; Inama Nkuru y'Itangazamakuru yifashishije ikipe yayo y'abasesengura ibitangazwa n'ibitangazamakuru mu Rwanda; yakoze raporo y'isesengura ry'amakuru yatangajwe n'amaradiyo, Televiziyo n'ibinyamakuru mu gihe u Rwanda rwibukaga ku nshuro ya 13 jenoside yabaye mu Rwanda. Mu gihe hibukwaga jenoside ku nshuro ya 13 mu Rwanda, insaganyamatsiko yari «*Twibuke jenoside twita kubacitse ku icumu, duharanira ubutabera* ». Mu gukora iyi raporo y'isesengura hari hagamijwe kureba ko mu kuzuza inshingano yaryo y'ibanze yo gutangaza amakuru, kwigisha no gushimisha, itangazamakuru ryarafashije abanyarwanda n'abanyamahanga kwibuka inzirakarengane zazize jenoside, kumenya amateka ya jenoside yo mu Rwanda, kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, guharanira ubumwe n'ubwiyunge, guharanira ubutabera, kugaragaza imibereho y'abarokotse no guharanira ko itazongera kubaho ukundi. Iyi raporo iragaragaza isesengura ry'amakuru ajyanye no kwibuka jenoside yatangajwe igihe cy'icyunamo kuva ku itariki ya 2 Mata 2007 kugeza ku itariki ya 14 Mata 2007 ku maradiyo na televiziyo n'amakuru yatangajwe mu binyamakuru byose byasohotse mu kwezi kwa kane.

0.2. IKIGAMIJWE

0.2.1. INTEGO RUSANGE

- Kugaragaza uko itangazamakuru ryo mu Rwanda ryamenyesheje rikanajijura abanyarwanda n'abanyamahanga ibirebana no kwibuka ku nshuro ya 13 jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994.

0.2.2. INTEGO ZIHARIYE

- Kugaragaza uruhare rw'itangazamakuru mu gufasha Leta muri gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge, ubutabera, inkiko Gacaca, gufasha abatsite ku icumu, kurwanya amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside.
- Kureba ko mu bihe byo kwibuka jenoside ibitangazamakuru byubahiriza amategeko n'amahame agenga umwuga w'itangazamakuru.

0. 3. UBURYO BWAKORESHEJWE

Mu gukora iyi raporo hakurikijwe uburyo bukurikira:

- Guhitamo ibitangazamakuru bizakorerwa isesengura
- Kugena igihe cy'ikusanyamakuru ;
- Kwegeranya ibikoresho bizifashishwa ;
- Kugena ingingo za ngombwa zifashishwa mu isesengura no kubaka « database » ;
- Gusesengura izo ngingo no gukora raporo.

Imbonerahamwe ya 1: Radiyo, televiziyo n'ibinyamakuru byakorewe isesenguramakuru

Ibitangazamakuru	Izina ry'igitangazamakuru	Nimero/ itariki	Ururimi	Isaha
RADIYO	BBC	2-14 Mata 2006	Ikinyarwanda & Ikirundi	18:30
	Contact FM	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	20:00
	Flash FM	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	7:00
	Radio 10	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	
	RRw	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	19:00
	VOA	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda & Ikirundi	6:00
	Salus	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	17.00
	RA- Rubavu	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	18.05
	RA- Rusizi	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	18.05
	RA-Huye	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	18.05
	City Radio	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	
TELEVIZIYO	TVR	2-14 Mata 2007	Ikinyarwanda	19:30
IBINYAMAKURU	GLH	N˚484 ; 485	Igifaransa	-
	Imvaho Nshya	N˚1699 ; 1700, 1701, 1702	Ikinyarwanda	
	Inyenyeri	N˚001, 002	Ikinyarwanda	-
	Kinyamateka	N˚1714, 1713	Ikinyarwanda	-
	LNR	N˚616 ; 617 ; 618 ; 619	Igifaransa	-
	Rushyashya	N˚58 ; 59	Ikinyarwanda	-
	TNT	N˚ 062, 063, 064, 065, 1140, 1141, 1142, 1143, 1144, 1145, 1146, 1147, 1148, 1149, 1150, 1151, 1152, 1153, 1154, 1155, 1156, 1157, 1158, 1159, 1160, 1161, 1162	Icyongereza	-
	Focus	N˚ 25	Icyongereza	-
	Umuco	N˚ 35	Ikinyarwanda	-
	Umuseso	N˚ 279 ; 280	Ikinyarwanda	-
	Urumuli	N˚ 019	Ikinyarwanda	-
	Ingabo Magazine	N˚ 156	Ikinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza	
	Rugari	N˚19 ; 20	Ikinyarwanda	
	Umurinzi	N˚15	Ikinyarwanda	
	Umusanzu	N˚005	Ikinyarwanda	
	Newsline	N˚048	Icyongereza	
	Gasabo	N˚52	Ikinyarwanda	
	Umwezi	N˚17	Ikinyarwanda	
	Umuvugizi	N˚24	Ikinyarwanda	
	Inkiko gacaca	N˚74	Ikinyarwanda	
	Huguka	N˚73,74	Ikinyarwanda	

Iyi mbonerahamwe iragaragaza radiyo, televiziyo n'ibinyamakuru byakorewe isesenguramakuru. Cyakora hari amaradiyo n'ibinyamakuru bitakorewe isesengura kubera impamvu zinyuranye zikurikira :

Radiyo :

- Radiyo Umucyo : Nta makuru yatangaje mu gihe cy'icunamo.
- Radiyo Izuba : Amakuru yatangaje HCP ntiyabashije kubona amakuru yumvikana (Audio).
- Sana Radiyo : Nta makuru yatangaje igihe cy'icyunamo.
- Ijwi ry'ibyiringiro : Gahunda y'amakuru ntiratangira.

Ibinyamakuru :

- Business Daily : nticyasohotse ;
- Umusingi : nticyasohotse ;
- Ubumwe : nticyasohotse ;
- Umuseke : nticyasohotse ;
- Impamo : nticyasohotse ;
- Ukuri : nticyasohotse.
- N'ibindi bitagaragara muri iyi raporo.

Umubare wa nimero z'ibinyamakuru byasesenguwe ntungana bitewe n'uko bidahuje uburyo bw'imisohokere. Ikindi kandi ni uko bimwe muri byo bitubahiriza uburyo bw'imisohokere byagaragaje bitangira gukora.

Ku maradiyo ndetse na televiziyo, muri iyi raporo hasesenguwe gusa amakuru y'ikinyarwanda avuga ibirebana n'icyunamo, kuko akenshi ari yo yongera kuvungwa mu zindi ndimi. Byongeye kandi, amakuru avugwa mu Kinyarwanda ni yo yumvwa n'abanyarwanda benshi.

Kuri radiyo BBC na VOA hasesenguwe amakuru atangazwa muri gahunda z'ikirundi n'ikinyarwanda yavugaga ibyerekeranye no kwibuka jenoside yo mu Rwanda ku nshuro ya 13.

0.4. IBICE BIGIZE RAPORO

Iyi raporo igizwe n'ibice bitatu. Igice cya mbere kigaragaza isesenguramakuru ku itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho, igice cya kabiri kikagaragaza isesenguramakuru ku binyamakuru. Naho igice cya gatatu cyo cyibanda ku iyubahirizwa ry'amategeko n'amahame bigenga umwuga w'itangazamakuru.

Muri iyi raporo y'isesengura, inkuru zatangajwe hakoreshejwe amajwi n'amashusho n'inkuru zatangajwe mu binyamakuru zashyizwe mu bice bitandukanye kuko imitangarize yazo itandukanye: itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho ryubahiriza igihe (airtime) kandi rikihuta kurusha iryandika ; naho irikoresha inyandiko ryubahiriza umwanya riba rifite ku mpapuro (space). Ikindi ni uko amakuru atangajwe mu magambo ataramba nk'atangajwe mu nyandiko.

Nubwo ibi bice byatandukanyijwe mu kwandika iyi raporo, ingingo zashingiweho mu isesenguramakuru bizihuriyeho kuko byombi bihuriye ku nshingano z'itangazamakuru (kumenyesha, kujijura no gushimisha) n'amategeko n'amahame abigenga akaba ari amwe. Zimwe muri izo ngingo ni izi: ikivugwaho mu nkuru, icyibanzweho mu nkuru, inkomoko y'inkuru, ahantu inkuru yabereye, ndetse n'ubwoko bw'inkuru.

Ingingo zigaragazwa mu mbonerahamwe ya 2, iya 3, iya 4, iya 5 n'iya 6 ni zo zashingiweho muri iyi raporo y'isesenguramakuru.

Imbonerahamwe ya 2: Ikivugwaho

Ikimenyetso	Ikivugwaho
A	Icyateye jenoside
B	Imibereho y'abarokotse jenoside
C	Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo
D	Umutekano w'abarokotse n'abatangabuhamya mu nkiko Gacaca
E	Impozamarira ku barokotse jenoside
F	Kwibuka abazize jenoside (inzibutso, ubuhamya, inyandiko, ibihangano,...)
G	Uruhare rwa bimwe mu bihugu muri jenoside
H	Uruhare rw'umuryango mpuzamahanga muri jenoside
I	Uruhare rw'imitwe ya politiki muri jenoside
J	Uruhare rw'amadini muri jenoside
K	Uruhare rw'itangazamakuru muri jenoside
L	Ubushakashatsi kuri jenoside
M	Ubutabera
N	Inkiko Gacaca
O	Ubumwe n'ubwiyunge
P	Amashyirahamwe y'abarokotse jenoside
Q	Irondamoko, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside
R	Uburenganzira bw'ikiremwamuntu
S	Ubujyanama ku ihungabana
T	Imyiteguro y'icyunamo
U	Ibitekerezo by'abatavuga rumwe na Leta kuri jenoside
V	Gupfobya jenoside
W	Ihohotera rishingiye ku gitsina (abagore, abana)
X	Ibindi

Imbonerahamwe ya 3: Icyibanzweho

Ikimenyetso	Icyibanzweho
2a	Uburenganzira bw'ikiremwamuntu
2b	Ivangura ry'amoko n'amacakubiri
2c	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina
2d	Ibibazo by'abacitse ku icumu
2e	Imibereho y'abapfakazi n'impfubyi za jenoside
2f	Uburenganzira bw'abana
2g	Umutekano w'abatangabuhamya mu nkiko Gacaca
2h	Impozamarira ku bacitse ku icumu
2i	Ubutabera, Gacaca, imirimo nsimburagifungo
2j	Ingengabitekerezo ya jenoside
2k	Uruhare rw'umuryango mpuzamanga muri jenoside
2l	Kwibuka abazize jenoside

Imbonerahamwe ya 4: Inkomoko y'inkuru

Ikimenyetso	Inkomoko y'inkuru
S1	Abayobozi
S2	Abayoborwa
S3	Abayoborwa n' Abayobozi b'inzego z'ibanze
S4	Abanyamahanga
S5	Ibiro ntaramakuru
S6	Documentation
S7	Ibitangazamakuru
S8	Ibindi (Kwitegereza, amabaruwa agenewe ubwanditsi,…)

Imbonerahamwe ya 5: Ahantu

Ikimenyetso	Ahantu	Ikimenyetso	Ahantu
D1	Bugesera	D17	Ngororero
D2	Burera	D18	Nyabihu
D3	Gakenke	D19	Nyagatare
D4	Gasabo	D20	Nyamagabe
D5	Gatsibo	D21	Nyamasheke
D6	Gicumbi	D22	Nyanza
D7	Gisagara	D23	Nyarugenge
D8	Huye	D24	Nyaruguru
D9	Kamonyi	D25	Rubavu
D10	Karongi	D26	Ruhango
D11	Kayonza	D27	Rulindo
D12	Kicukiro	D28	Rusizi
D13	Kirehe	D29	Rutsiro
D14	Muhanga	D30	Rwamagana
D15	Musanze	D31	« National »
D16	Ngoma	D32	« International »

Imbonerahamwe ya 6: Ubwoko bw'inkuru

Ikimenyetso	Ubwoko bw'inkuru
U1	Inkuru ivuga ibyabaye
U2	Inshamake
U3	Ijambo ry'ibanze
U4	Igishushanyo
U5	Igitekerezo bwite
U6	Inkuru isesengura
U7	Ifoto
U8	Ikusanyabitekerezo (opinion poll)
U9	Ikiganiro (interview)
U10	Ibindi (ibitekerezo by'abasomyi, amabaruwa agenewe ubwanditsi, …)

IGICE CYA MBERE

I. ITANGAZAMAKURU RIKORESHA AMAJWI N'AMASHUSHO

1.1. KUMENYESHA AMAKURU

Imwe mu nshingano z'itangazamakuru ni ukumenyesha amakuru anyuranye, yuzuye kandi y'Imvaho. Mu gusesengura amakuru yatangajwe n'amaradiyo ndetse na televiziyo, hagendewe ku ngingo zikurikira : ikivugwaho ; icyibanzweho, ahantu inkuru yabereye ; inkomoko y'inkuru ndetse n'ubwoko bw'inkuru.

1.1.1. IBYATANGAJWE

"*Twibuke jenoside twita ku bacitse ku icumu duharanira ubutabera*". Iyi ni yo nsanganyamatsiko y'umwaka wa 2007 ubwo u Rwanda rwibuka ku nshuro ya 13 jenoside yo mu mwaka 1994. Hagendewe kuri iyi nsanganyamatsiko, amakuru yasesenguwe yatangajwe n'amaradiyo na televiziyo akubiyemo mu ngingo zinyuranye ari zo zitwa ikivugawaho muri iyi raporo. Zimwe muri izo ngingo ni izi: Imibereho y'abarokotse jenoside, Ubutabera, Inkiko Gacaca, Ubumwe n'ubwiyunge, Uruhare rw'itangazamakuru muri jenoside, Irondamoko, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside, n'izindi zigaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 7: Ikivugwaho[1]

Ikivugwaho	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Rario	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR	Igiteranyo	%
A	0	6	1	1	4	1	0	1	1	1	0	0	2	18	6.21
B	1	3	0	3	0	8	0	2	0	1	0	0	5	23	7.93
C	1	6	1	0	1	0	0	1	3	1	0	0	5	19	6.55
D	0	0	1	2	0	0	0	1	0	2	0	0	2	8	2.76
E	0	0	0	0	2	0	1	0	0	0	0	0	0	3	1.03
F	2	2	6	7	0	26	1	5	6	7	7	0	26	95	32.76
G	0	0	0	1	2	1	0	2	0	0	0	0	2	8	2.76
H	0	0	0	0	1	1	0	0	0	0	0	0	1	3	1.03
I	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
J	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
K	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0.34
L	0	0	1	0	0	2	1	1	0	1	1	0	1	8	2.76

[1] A: Icyateye jenoside; B: Imibereho y' abarokotse jenoside; C: Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo; D: Umutekano w'abatangabuhamya mu nkiko Gacaca; E: Impozamarira ku barokotse jenoside; F: Kwibuka abazize jenoside (inzibutso, ubuhamya, inyandiko, ibihangano, …); G: Uruhare rwa bimwe mu bihugu muri jenoside; H: Uruhare rw'umuryango mpuzamahanga muri jenoside; I: Uruhare rw'imitwe ya politiki muri jenoside; J: Uruhare rw'amadini muri jenoside; K: Uruhare rw'Itangazamakuru muri jenoside; L:Ubushakashatsi kuri jenoside; M: Ubutabera; N: Inkiko Gacaca; O: Ubumwe n'ubwiyunge; P: Amashyirahamwe y'abarokotse jenoside; Q: Irondamoko, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside; R: Uburenganzira bwa muntu; S: Ubujyanama ku ihungabana; T: Imyiteguro y'icyunamo; U: Ibitekerezo by'abatavuga rumwe na Leta kuri jenoside; V: Gupfobya jenoside; W: Ihohoterwa rishingiye ku gitsina (abagore, abana); X: Ibindi.

M	0	4	1	0	1	7	0	0	0	2	2	0	0	17	5.86
N	1	1	0	2	0	7	6	2	0	1	0	0	0	20	6.90
O	0	2	0	1	0	1	0	2	0	0	0	0	3	9	3.10
P	0	0	0	1	1	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.69
Q	0	0	0	0	1	7	2	1	0	1	0	0	0	12	4.14
R	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	2	0.69
S	0	2	0	0	3	0	0	0	2	0	1	0	0	8	2.76
T	0	3	3	0	1	0	0	0	3	2	0	1	0	13	4.48
U	0	0	0	0	0	0	0	0	0	4	0	0	0	4	1.38
V	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	2	0	0	3	1.03
W	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
Y	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
Z	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
X	1	1	2	0	0	3	0	0	1	2	0	0	4	14	4.83
Igiteranyo	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52	290	100.00

Iyi mbonerahamwe iragaragaza uko buri ngingo z'ikivugwaho zifashishijwe mu isesengura zagiye zigarukwaho na radiyo na TVR zakorewe isesenguramakuru. Nk'uko bigaragazwa n'imbonerahamwe, ingingo yavuzweho cyane ni **"**Kwibuka abazize jenoside**"** (F) (32.76 %).

1.1.1.1. KWIBUKA ABAZIZE JENOSIDE

Impamvu iyi ngingo ariyo yavuzweho cyane ni uko ikomatanyije ibyerekeye gushyingura abazize jenoside mu cyubahiro, gusura inzibutso za jenoside, ibiganiro mbwirwaruhame byo kwibuka no kurwanya jenoside, ibihangano cyangwa imikino bijyanye no kwibuka inzirakarengane zazize jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994:

Imbonerahamwe ya 8: Ingingo "Kwibuka"

Radiyo/Televiziyo	**Radio 10**	**Contact FM**	**Flash FM**	**Ra-Salus**	**City Radio**	**Ra-Rwanda**	**Ra-Huye**	**Ra- Rubavu**	**Ra-Rusizi**	**BBC**	**VOA**	**Ra-Mariya**	**TVR**
Inkuru zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52
Kwibuka	2	2	6	7	0	26	1	5	6	7	7	0	26
%	**33.3**	**6.7**	**33.3**	**38.9**	**0.0**	**40.6**	**9.1**	**27.8**	**37.5**	**26.9**	**53.8**	**0.0**	**50.0**

Iyi mbonerahamwe iragaragaza inkuru zose zatangajwe na buri radiyo na televiziyo, inshuro ingingo kwibuka yagarutsweho, n'ijanisha.



Iki gishushanyo kiragaragaza uruhare rwa buri radiyo na TVR byakorewe isesenguramakuru ku ngingo « Kwibuka jenoside ». Ikigaragara ariko nuko nubwo iyi ngingo yibanzweho cyane kurusha izindi, radiyo ebyiri ari zo Mariya na City ntacyo zigeze zitangaza kuri iyo ngingo mu makuru yakorewe isesengura.

Zimwe mu ngero z'ibyatangajwe ku ngingo « Kwibuka jenoside »

« *Ku Kicukiro harimo harabera urugendo rwo kwibuka abantu ibihumbi 5000 bahagandaguriwe igihe cy'itsembabwoko mu ishuri ETO* », BBC kuwa 11/4/2007, saa 18h30 ; « *Mu Rwanda baraye batangiye kwibuka imyaka 13 iheze habaye ihonyabwoko* », VOA kuwa 8/4/2007, saa 6h00 ; « François Xavier de Donea yaje guhagararira inteko y'Ububiligi kwifatanya n'abanyarwanda mu kwibuka ku nshuro ya 13 » Ra-Rwanda kuwa 5/4/2007 ; « *Komite y'abanyarumaniya iramagana igihugu cya Turikiya cyanze ko hakorwa imurika ry'amafoto ya jenoside yo mu Rwanda kuri ONU* » Ra- Rubavu kuwa 13/4/2007 ; « *Kwibuka haharanirwa kubaho ni cyo buri munyarwanda wese akwiye kuzirikana muri iki gihe cy'icyunamo.* » TVR kuwa 8/4/2007 saa 19h30 ; « *Umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 13 abazize jenoside mu karere ka Rusizi wabereye mu murenge wa Nyabitekeri* », Ra-Rusizi kuwa 8/4/2007 ; « *Ku munsi w'ejo ni bwo umuhanda wo kujya ku rwibutso rwa Gisozi watashywe* », Flash FM kuwa 13/4/2007 saa 12h00. «Umuhago *wo kwibuka abanyapolitiki bazize jenoside yo mu wa 1994 wabereye ku musozi wa Rebero mu mujyi wa Kigali* », Salus kuwa 13/4/2007 saa 17h00.

1.1.1.2. IMIBEREHO Y'ABAROKOTSE JENOSIDE

Mu makuru yatangajwe mu gihe cy'icyumweru cyahariwe kwibuka abazize jenoside, "Imibereho y'abarokotse jenoside" (B) ni ingingo yagarutsweho kenshi (7.92%). Iyi mbonerahamwe iragaragaza uko buri radiyo na TVR yayigarutseho mu makuru yose yasesenguwe.

Imbonerahamwe ya 9: Ingingo « Imibereho y'abarokotse jenoside »

Radiyo/Televiziyo	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52
Inshuro ingingo imibereho y'abarokotse yavuzweho	1	3	0	3	0	8	0	2	0	1	0	0	5
%	17	10	0	17	0	13	0	11	0	4	0	0	9.6

Iki gishushanyo kiragaragaza uruhare rwa buri gitangazamakuru mu kugaruka ku ngingo y'imibereho y'abacitse ku icumu.



Zimwe mu nkuru zavuze kuri iyi ngingo: «Mu gihe dukomeje kwibuka jenoside ubuzima burushijeho gukomera kubacitse ku icumu, cyane cyane abana basizwe iheruheru nayo", Contact FM kuwa 10/4/2007 saa 20h00; " *Mu rwego rwo gufata mu mugongo abacitse ku icumu rya jenoside, uyu munsi mu karere ka Huye mu murenge wa Mbazi habaye igikorwa cyo gukusanya imfashanyo yo gufasha abana birera imiryango igera ku ijana*", Salus kuwa 13/4/2007 saa 17h00. "*Inteko rusange y'abadepite yemeje uko umutwe w'abadepite wagira uruhare mu kubonera icumbi abacitse ku icumu batishoboye,*" Ra- Rwanda kuwa 5/4/2007, saa 19h00. '' Isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi y'u Rwanda irateganya gufasha abacitse ku icumu rya jenoside" TVR kuwa 14/4/2007 saa 19h30.

1.1.1.3. INKIKO GACACA

Imbonerahamwe ya 10: Ingingo ivuga ku "Inkiko Gacaca"

Radiyo/Televiziyo	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52
Inshuro ingingo ivuga ku nkiko gacaca yavuzweho	1	1	0	2	0	7	6	2	0	1	0	0	0
%	17	3	0	11	0	11	55	11	0	4	0	0	0

Iyi mbonerahamwe iragaragaza uruhare rwa buri gitangazamakuru cyakorewe isesenguramakuru inshuro ingingo inkiko gacaca yagarutsweho. Igishushanyo gikurikira kiragaragaza urahare rwa buri gitangazamakuru kuri iyo ngingo.



1.1.1.4. ICYATEYE JENOSIDE

Mu ngingo zagarutsweho cyane n'ibitangazamakuru, ingingo « icyateye jenoside » yagarutsweho ku buryo bugaragazwa muri iyi mbonerahamwe.

Imbonerahamwe ya 11: Ingingo "Icyateye jenoside"

Radiyo/Televiziyo	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52
Inshuro ingingo « icyateye jenoside yavuzweho »	0	6	1	1	4	1	0	1	1	1	0	0	2
%	0	20	6	6	24	2	0	6	6	4	0	0	3.8

Iyi mbonerahamwe iragaragaza uruhare rwa buri gitangazamakuru kuri iyo ngingo ugereranije n'umubare w'inkuru cyatangaje. Iki gishushanyo kiragaragaza ko radiyo Contact FM yayigarutseho kurusha izindi igakurikirwa na City Radio, ku nkuru zose zatangajwe kuri iyo ngingo.



1.1.1.5. KURWANYA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE

Kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside ni ingingo nayo yagarutsweho na amaradiyo na televiziyo ku buryo bugaragazwa n'iyi mbonerahamwe.

Imbonerahamwe 12: Ingingo kurwanya « ingengabitekerezo ya jenoside »

Radiyo/Televiziyo	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52
Inshuro ingingo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside yavuzweho	1	6	1	0	1	0	0	1	3	1	0	0	5
%	1.7	2	1	0	1	0	0	1	2	0	0	0	1

Iki gishushanyo kirerekana aho buri radiyo na televiziyo bihagaze kuri iyo ngingo.



1.1.1.6. UBUTABERA

Nk'uko insanganyamatsiko y'uyu mwaka yari kwibuka jenoside twita ku bacitse ku icumu duharanira ubutabera, ingingo ivuga ubutabera nayo yagarutsweho ku buryo bugaragazwa n'iyi mbonerahamwe ndetse n'igishushanyo kiyiherekeje.

Imbonerahamwe ya 13: Ingingo « Ubutabera »

Radio/ TV	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52
Inshuro ingingo ubutabera yavuzweho	0	4	1	0	1	7	0	0	0	2	2	0	0
%	0	13	6	0	6	11	0	0	0	8	15	0	0

Imbonerahamwe iragargaza uruhare rwa buri radiyo ku ngingo y'ubutabera.

Iki gishushanyo kiragaragaza uruhare rwa buri radiyo na televiziyo byakorewe isesenguramakuru mu kuvuga ku ngingo « Ubutabera » ugereranije n'inkuru 17 zayivuzeho.



Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 13 n'igishushanyo kiyiherekeje, ku maradiyo 16 na TV imwe byakorewe isesenguramakuru 6 muri yo niyo yagize icyo atangaza ku ngingo y'ubutabera naho izindi 7 ntacyo zigeze ziyivugaho. Ibi bikaba bitangaje cyane ko iyo ngingo ari imwe mu zari zigize insanganyamatsiko y'umwaka wa 2007 kandi ubutabera ari imwe mu nkingi zo gukemura ibibazo bya jenoside n'ingaruka zayo n'ubumwe n'ubwiyunge.

1.2. ICYIBANZWEHO

Uretse ingingo zirebana no kwibuka jenoside, imibereho y'abacitse ku icumu rya jenoside, ubutabera, impamvu zateye jenoside, inkiko Gacaca n'ubutabera muri rusange, imbonerahamwe ikurikira iragaragaza muri rusange ingingo zibanzweho kurusha izindi muri iyi raporo y'isesenguramakuru, ari zo ziswe « Icyibanzweho » mu makuru yatangajwe.

Imbonerahamwe ya 14: Icyibanzweho[2]

Radio/TVR	2a	2b	2c	2d	2e	2f	2g	2h	2i	2j	2k	2l	Igiteranyo
Radio 10	0	2	0	0	0	0	0	0	1	0	0	3	6
Contact FM	6	1	0	9	0	1	2		5	4		2	30
Flash FM	0	1	0	0	0	0	2	0	1	3	2	9	18
Ra- Salus	0	0	0	4	1	0	2	0	3	1	1	6	18
City Radio	0	1	0	3	1	0	0	0	2	1	2	7	17
Ra- Rwanda	5	0	0	9	1	0	1	1	12	9	3	23	64
Ra-Huye	0	0	0	2	0	0	2	0	2	4	1	0	11
Ra- Rubavu	0	1	0	4	0	0	0	1	1	3	2	6	18
Ra-Rusizi	0	0	0	1	1	0	0	1	0	2	0	11	16
BBC	12	3	1	2	0	0	0	0	5	1	0	2	26
VOA	2	1	0	0	0	0	1	0	2	2	0	5	13
Ra- Mariya	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	1
TVR	3	1	0	8	2	1	3	2	5	6	7	14	52
Igiteranyo	28	11	1	42	6	2	13	5	39	36	18	89	290

1.3. AHANTU

Mu gihe cy'icyunamo, itangazamakuru ryo mu Rwanda rigomba kugerageza gutara amakuru mu bice byose by'igihugu mu rwego rwo kumenyekanisha ukuri kuri jenoside yabaye mu Rwanda n'ingaruka zayo. Kugira ngo buri wese arusheho gusobanukirwa uburyo bwo kuyikumira hagamije kugira ngo itazongera kubaho ukundi. Ni yo mpamvu muri iyi raporo y'isesenguramakuru hagaragajwe uko itangazamakuru ritangaza amakuru y'ibibera mu turere twose tw'igihugu, ndetse no mu mahanga.

Imbonerahamwe ya 15: Ahantu[3]

Radiyo/TVR Akarere	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR	Igiteranyo	%
D1	0	0	0	0	0	4	0	0	0	0	0	0	1	5	1.72
D2	0	2	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.69
D3	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	2	2	0.69
D4	0	6	3	0	4	11	0	0	0	1	1	0	30	56	19.31
D5	0	2	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.69

[2] 2a: Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu; 2b:Ivangura ry'amoko n'amacakubiri; 2c: Ihohoterwa rishingiye ku gitsina; 2d: Ibibazo by'abacitse ku icumu; 2e: Ubuzima bw'abapfakazin'imfubyi za jenoside; 2f: Uburenganzira bw'abana; 2g: Umutekano w'abatangabuhamya; 2h:Impozamarira ku bacitse ku icumu; 2i:Ubutabera,Gacaca, Imirimo nsimburagifungo; 2j: Ingengabitekerezo ya jenoside; 2k: Uruhare rw'umuryango mpuzamahanga muri jenoside; 2l:Kwibuka abazize jenoside

[3] D1:Bugesera; D2:Burera; D3:Gakenke ; D4 :Gasabo ; D5 :Gatsibo ;D6 :gicumbi ;D7 :Gisagara ;D8 :Huye ; D9 :Kamonyi D10: Karongi; D11:Kayonza; D12:Kicukiro; D13:Kirehe; D14:Muhanga, D15:Musanze;D16:Ngoma;D17:Ngororero; D18: Nyabihu; 19:Nyagatare; D20:Nyamagabe; D21:Nyamasheke; D22:Nyanza; D23:Nyarugenge; D24:Nyaruguru; D25:Rubavu; D26:Ruhango; D27:Rulindo; D28:Rusizi; D29:Rutsiro; D30:Rwamagana; D31: National D32: International

D6	0	1	0	0	0	0	0	2	0	0	0	0	0	3	1.03
D7	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
D8	0	0	0	13	0	1	8	0	0	1	0	0	0	23	7.93
D9	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	1	2	0.69
D10	0	0	0	0	0	2	0	0	0	0	0	0	0	2	0.69
D11	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	1	0.34
D12	0	4	3	1	3	2	0	1	0	1	2	0	3	20	6.90
D13	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	2	3	1.03
D14	0	0	0	1	1	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.69
D15	0	0	0	0	0	1	0	3	0	0	0	0	0	4	1.38
D16	0	0	0	0	0	4	0	0	0	0	0	0	2	6	2.07
D17	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	1	0.34
D18	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	1	0.34
D19	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
D20	1	1	1	0	1	1	1	2	0	0	2	0	2	12	4.14
D21	0	0	0	0	0	0	0	0	3	0	0	0	0	3	1.03
D22	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	1	0.34
D23	4	3	6	0	3	3	0	0	0	2	0	0	6	27	9.31
D24	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	1	0.34
D25	0	0	0	0	0	1	0	6	1	0	0	0	0	8	2.76
D26	0	1	0	2	0	0	0	0	0	0	0	0	0	3	1.03
D27	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0.34
D28	0	0	0	0	0	3	0	0	12	0	1	0	0	16	5.52
D29	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
D30	0	1	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	2	0.69
D31	1	2	3	0	2	19	0	1	0	2	1	0	1	32	11.03
D32	0	6	2	1	3	9	0	1	0	19	6	1	1	49	16.90

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, inkuru nyinshi zatangajwe kuri radiyo na TV byakorewe isesenguramakuru n'izatangajwe mu karere ka Gasabo (D4). Zikaba zingana na 19.31% by'inkuru 290 zatangajwe ku maradiyo na televiziyo. Inkuru zivuga ibyaberaga mu mahanga (International) (D32) zingana na 16.90%, naho inkuru zo ku rwego rw'igihugu (National) (D31) zingana na 11.03%. Mu karere ka Nyarugenge (D4) 9.31% n'aka Huye (D8) havuzwe inkuru zingana na 7.93%. Ariko nk'uko imbonerahamwe ibyerekana hari uturere twavuzweho inkuru imwe gusa, ikaba ingana na 0,34% by'inkuru 290 zasesenguwe. Utwo turere ni Rulindo (D27), Nyaruguru (D24), Nyanza (D22), Nyabihu (D18), Ngororero (D17) na Kayonza (D11). Mu nkuru zasesenguwe, nta nkuru ikomoka mu karere ka Rutsiro (D29) yatangajwe.

Imbonerahamwe zikurikira ziragenda zigaragaza uko uturere twatangarijwe amakuru kurusha utundi twagiye tugarukwaho na buri gitangazamakuru cyakorewe isesenguramakuru.

1.3.1. AKARERE KA GASABO

Radiyo/TVR	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR	Igiteranyo
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52	290
GASABO	0	6	3	0	4	11	0	0	0	1	1	0	30	**56**
%	0,00	20,00	16,67	0,00	23,53	17,19	0,00	0,00	0,00	3,85	7,69	0,00	57,69	100,00

Nk'uko byagaragajwe, Akarere ka Gasabo ni ko katawemo amakuru menshi arebana no kwibuka jenoside ku nshuro ya 13 kurusha utundi. Kuba ako karere gaherereye mu mujyi wa Kigali, ukaba ukorerwamo n'amaradiyo menshi, byafashije abanyamakuru gutara inkuru hafi kuko habereye imihango myinshi ijyanye n'igikorwa cyo kwibuka, cyane cyane gusura urwibutso rwa jenoside ruri ku Gisozi. Igishushanyo gikurikira kirerekana uburyo buri radiyo na televiziyo byakorewe isesengura byatangaje amakuru akomoka mu karere ka Gasabo (mu nkuru 56 zavuzwe muri ako karere).



Ikigaragara n'uko uretse radiyo 10 amaradiyo yose na TV bikorera mu Mujyi wa Kigali cyangwa ahafite ibiro yatangaje inkuru nibura imwe ku karere ka Gasabo naho akorera hanze ya Kigali ntacyo yigeze atangaza kuri ako karere ahubwo nayo yibanze mu turere akoreramo.

1.3.2. URWEGO MPUZAMAHANGA (INTERNATIONAL)

Nk'uko byagaragajwe mu mbonerahamwe ya 15, inkuru zivuga ku kwibuka jenoside zikomoka mu mahanga (International issues) zingana na 16.90% by'inkuru 290 zumvikanye ku maradiyo na televiziyo. Imbonerahamwe ikurikira irerekana neza uko buri gitangazamakuru cyatangaje inkuru zo hanze y'u Rwanda.

Radiyo / TV	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR	Igiteranyo
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52	290

« International »	0	6	2	1	3	9	0	1	0	19	6	1	1	49
%	0	20	11	6	18	14	0	6	0	73	46	100	1.9	100

Nk'uko imbonerahamwe ibigaragaza, inkuru zikomoka mu mahanga zingana na 49. Mu buryo bugereranyije, igishushanyo gikurikira kiragaragaza uruhare rwa buri radiyo na televiziyo mu gutangaza inkuru z'amahanga. Iyi mbonerahamwe n'igishushanyo bikurikirana biragaragaza ko amaradiyo y'abaturage uretse ivugira mu karere ka Rubavu gusa nta makuru y'amahanga avuga kuri jenoside yatangaje. Ibi ahanini biterwa n'ubushobozi buke bw'ibyo bitangazamakuru cyane ko hari n'ibitagira imirongo ya interineti nk'ibikorera i Kigali.



1.3.3. URWEGO RW'IGIHUGU (National)

Inkuru zingana na 11.03% zumvikanye ku maradiyo na televiziyo byakorewe isesenguramakuru ni inkuru zirebana n'ubuzima bw'igihugu muri rusange mu gihe cyo kwibuka jenoside. Imbonerahamwe ikurikira irerekana uko buri radiyo na televiziyo byatangaje bene izo nkuru.

Radiyo / TV	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR	Igiteranyo
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52	290
National	1	2	3	0	2	19	0	1	0	2	1	0	1	32
%	17	7	17	0	12	30	0	6	0	8	8	0	1.9	100

Igishushanyo gikurikira kirerekana mu buryo bugereranyije ku nkuru 32 zavuzwe ku rwego rw'igihugu. Kikaba kigaragaza uruhare rwa buri radiyo na televiziyo mu gutangaza inkuru zishyirwa mu rwego rw'igihugu.



1.3.4. AKARERE KA HUYE

Iyi mbonerahamwe irerekana umubare w'inkuru buri radiyo cyangwa televiziyo yatangaje mu karere ka Huye.

Radio / TV	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Radio	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR	Igiteranyo
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52	290
HUYE	0	0	0	13	0	1	8	0	0	1	0	0	0	23
%	0	0	0	72,2	0	1,56	72,7	0	0	3,85	0	0	0	150,4

Mu nkuru zose zatangajwe, n'uko bigaragazwa mu mbonerahamwe, akarere ka Huye katangajwemo inkuru zingana na 7.93%. Igishushanyo gikurikira kiragaragaza mu buryo bugereranyije uruhare rwa buri radiyo cyangwa televiziyo.



1.3.5. AKARERE KA NYARUGENGE

Radiyo/ TV	Radio 10	Contact FM	Flash FM	Ra-Salus	City Rario	Ra-Rwanda	Ra-Huye	Ra- Rubavu	Ra-Rusizi	BBC	VOA	Ra-Mariya	TVR
Inkuru zose zatangajwe	6	30	18	18	17	64	11	18	16	26	13	1	52
NYARUGENGE	4	3	6	0	3	3	0	0	0	2	0	0	6
%	67	10	33	0	18	5	0	0	0	8	0	0	12

Mu karere ka Nyarugenge hatangajwe inkuru zingana na 9.31% by'inkuru 290. Uruhare rwa buri radiyo na televiziyo biragaragazwa ku gishushanyo gikurikira.



1.4. UBWOKO BW'INKURU

Inkuru zitangazwa muri rusange ku maradiyo na televiziyo, ni inkuru zivuga ibyabaye (news stories). Muri iri sesenguramakuru ariko, hagaragayemo inkuru z'ibiganiro (interview) zumvikanye ku maradiyo ku buryo bugaragazwa n'iki gishushanyo.



	Ra-RW	BBC	VOA
News stories	60	18	9
Interviews	4	8	4

UMWANZURO

Muri iyi raporo y'isesengura ku makuru yatangajwe mu cyumweru cyahariwe icyunamo, ubwo u Rwanda rwibukaga jenoside ku nshuro ya cumi na gatatu (13) hasesenguwe inkuru 290 zatangajwe ku maradiyo na televiziyo byo mu Rwanda, n'amwe mu maradiyo y'amahanga ahumvikana. Radiyo yatangaje amakuru menshi ni Radiyo Rwanda yatangaje inkuru 64 (22%). Ingingo yavuzweho kurusha izindi muri ayo makuru ni "Ukwibuka abazize jenoside" (F) ku rugero rwa 32.76%. Ingingo yibanzweho cyane ni ukwibuka abazize jenoside (2l) (89) ; Akarere katangajwemo inkuru nyinshi ni Gasabo (D4) zingana na (19.31%). Mu nkuru 290 zatangajwe, 98.6% muri zo zigaragarizwa inkomoko ; 94% ni inkuru zivuga ibyabaye (news stories). Iyi raporo y'isesenguramakuru kandi igaragaza ko inkomoko y'inkuru yakunze gukoreshwa ari *Abayoborwa* (S2) ku rugero rwa 37.59%.

Ikindi kigaragara n'uko ibitangazamakuru bititaye ku nsanganyamatsiko y'umwaka uko byari bikwiye. Ibi bigaragazwa naho amaradiyo 6 na TV imwe byose ntacyo byatangaje ku ngingo yerekeye ubutabera. Amaradiyo y'abaturage nayo aracyafite ibibazo by'ubushobozi kugira ngo ajye abasha kugeza ku bayakurikira amakuru yuzuye yaba ayo ku rwego rw'igihugu cyangwa ayo mu mahanga. Ikigaragazwa n'isesengura kandi nuko uturere dufite radiyo cyangwa twegereye aho radiyo iyi n'iyi ikorera twatangajweho amakuru menshi kuruta aho radiyo zitari.

IGICE CYA KABIRI

II. ITANGAZAMAKURU RIKORESHA INYANDIKO

Mu gukora iyi raporo y'isesenguramakuru hibukwa ku nshuro ya 13 jenoside ibaye mu Rwanda, itangazamakuru rikoresha inyandiko naryo ryakorewe isesenguramakuru mu rwego rwo gusuzuma uruhare rwaryo mu gutangaza inkuru, kwigisha abanyarwanda n'abanyamahanga ku birebana na jenoside yabaye mu Rwanda ndetse no kureba ko mu mikorere yabyo amategeko n'amahame bigenga abanyamakuru n'umwuga w'itangazamakuru byubahirizwa. Ibinyamakuru byakorewe isesenguramakuru ni ibyasohotse mu kwezi kwa Mata 2007 byose. Muri iyi raporo, ibinyamakuru byakorewe isesengura ni makumyabiri na kimwe (21) nk'uko bigaragazwa mu mbonerahamwe ya mbere. Inkuru zasesenguwe zose hamwe ni 378.

2.1. IKIVUGWAHO

Mu gusesengura inkuru zatangajwe mu binyamakuru, nk'uko byakozwe ku maradiyo na televiziyo, ingingo ngenderwaho ni : ikivugwaho mu nkuru, ubwoko bw'inkuru, icyibanzweho, inkomoko n'ahantu ibivugwa mu nkuru byabereye. Ibyatangajwe mu binyamakuru bikubiye mu ngingo zinyuranye ari zo zitwa « ikivugwaho » muri iyi raporo. Izo ngingo ni ukwibuka jenoside, ingengabitekerezo ya jenoside, inkiko Gacaca, umutekano w'abacitse ku icumu, n'izindi zigaragara mu mbonerahamwe ya kabiri (2), aho buri ngingo ihagarariwe n'ikimenyetso cy'inyuguti.

Imbonerahamwe ya 16: ikivugwaho[4]

[4] A: Icyateye jenoside; B: Imibereho y' abarokotse jenoside; C: Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo; D: Umutekano w'abatangabuhamya mu nkiko Gacaca; E: Impozamarira ku barokotse jenoside; F: Kwibuka abazize jenoside (inzibutso, ubuhamya, inyandiko, ibihangano, …); G: Uruhare rwa bimwe mu bihugu muri jenoside; H: Uruhare rw'umuryango mpuzamahanga muri jenoside; I: Uruhare rw'imitwe ya politiki muri jenoside; J: Uruhare rw'amadini muri jenoside; K: Uruhare rw'Itangazamakuru muri jenoside; L:Ubushakashatsi kuri jenoside; M: Ubutabera; N: Inkiko Gacaca; O: Ubumwe n'ubwiyunge; P: Amashyirahamwe y'abarokotse jenoside; Q: Irondamoko, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside; R: Uburenganzira bwa muntu; S: Ubujyanama ku ihungabana; T: Imyiteguro y'icyunamo; U: Ibitekerezo by'abatavuga rumwe na Leta kuri jenoside; V: Gupfobya jenoside; W: Ihohoterwa rishingiye ku gitsina (abagore, abana); X: Ibindi.

Ikivugwaho	Focus	Gasabo	GLH	Huguka	Imvaho Nshya	Ingabo	Inkiko Gacaca	Inyenyeri	Kinyamateka	LNR	Rugali	Rushyashya	TNT	The Newsline	Umuco	Umurinzi	Umusanzu	Umuseso	Umuvugizi	Umwezi	Urumuri	Igiteranyo	%
A	0	1	0	0	6	1	1	0	0	1	0	0	15	0	0	0	1	0	0	0	0	26	6.88
B	0	1	0	0	4	0	1	0	0	6	3	3	24	0	0	0	0	1	1	0	0	44	11.64
C	0	0	0	0	5	0	2	0	0	0	0	0	11	0	0	0	0	0	0	0	1	19	5.03
D	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	9	0	0	0	0	0	0	1	0	11	2.91
E	0	0	0	0	4	0	1	0	1	0	0	0	1	0	1	1	0	3	0	1	0	13	3.44
F	1	0	2	0	9	2	1	5	3	6	2	5	47	1	1	0	0	0	0	0	0	85	22.49
G	0	0	4	0	2	0	1	0	0	0	0	0	14	0	0	0	0	0	0	0	0	21	5.56
H	0	0	0	0	4	0	0	0	1	0	0	0	1	1	0	0	0	0	0	0	0	7	1.85
I	0	0	0	0	1	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.53
J	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	1	4	0	0	0	0	0	0	0	0	6	1.59
K	0	0	2	0	2	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	1	6	1.59
L	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	6	0	1	0	0	0	0	0	1	9	2.38
M	1	0	0	0	2	0	2	0	0	1	1	2	12	0	0	1	0	1	0	0	0	23	6.08
N	0	0	0	0	1	0	1	0	5	1	3	0	12	1	0	0	2	0	0	0	0	26	6.88
O	0	0	0	0	3	0	1	0	1	0	0	0	16	0	0	0	0	0	0	0	0	21	5.56
P	0	0	1	0	1	0	0	0	0	2	0	2	0	0	0	0	0	0	0	0	0	6	1.59
Q	0	0	0	0	1	0	1	1	0	5	0	1	6	1	0	1	0	0	0	0	0	17	4.50
R	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
S	0	0	0	0	1	1	0	0	0	0	0	0	3	0	0	0	0	2	0	0	0	7	1.85
T	0	0	0	0	7	0	0	0	0	0	0	0	4	0	0	0	0	0	0	0	0	11	2.91
U	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
V	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	4	0	0	0	0	0	0	0	0	5	1.32
W	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.53
X	0	0	0	0	2	1	0	1	0	0	0	0	5	1	0	0	1	0	0	0	0	11	2.91
Igiteranyo	2	2	9	0	58	5	14	7	11	23	9	14	196	5	3	3	4	7	1	2	3	378	100

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, hari ingingo zavuzweho cyane kurusha izindi. Kwibuka jenoside (F=22.49%) ni yo ngingo iza ku mwanya wa mbere. Kuri iyi ngingo ibinyamakuru byakunze kwandika no kugaragaza amafoto y'ibijyanye n'imihango ijyanye no kwibuka (gushyingura, ubuhamya bw'abarokotse itsembabwoko, amagambo yahavugiwe n'abayobozi…) yo kwibuka abazize jenoside yaberaga mu ntara zinyuranye z'igihugu. Ikinyamakuru «The Newtimes» nicyo cyatangaje inkuru nyinshi cyane ku kwibuka jenoside (196). Ibyo bikaba biterwa n'uko gisohoka kenshi (buri munsi) kuruta ibindi bisohoka kabiri mu cyumweru (Imvaho Nshya, yatangaje inkuru 58), rimwe mu cyumweru («La Nouvere Releve» cyatangaje 23) cyangwa Rushyashya (inkuru 14) n'ikinyamakuru « Grand Lac Hebdo » (inkuru 9) bitubahiriza igihe cyo bigomba gusohokera kubera ubushobozi budahagije.

2.1.1. KWIBUKA ABAZIZE JENOSIDE

Nk'uko byavuzwe haruguru, ingingo « Kwibuka » ni yo yanditsweho n'ibinyamakuru cyane. Aha bimwe mu binyamakuru byagize biti : « *Kwibuka, kwibaza no kubaka si amayobera* »,Ingabo Magazine n° 156, Mata 2007, p.4, « *Ku nshuro ya 13 turibuka abishwe muri jenoside* », Imvaho Nshya n°1699, yo kuwa 02-08 Mata 2007, p.7 « *France trained Hutu militias*», The New Times n° 1159 of 24 April, 2007, *p.1* ; « *More remains of Genocide victims accorded decent burial*» The New Times n° 1159 of 24 April, 2007, *p.4* ; « *Abanyarwanda barasabwa kwibuka bareba ejo hazaza* », Imvaho Nshya n° 1701 yo kuwa 16-22 Mata 2007, p.6 ; « Genocide des Tutsi, resultat du peché », La Nouvelle Relève, n°616 du 9-16 avril 2007 pp.1-2 ; « *Why we must understand what happened in 1994* », Focus n°25 of 13-19 April 2007, p.8 ; « *Jenoside :Ibyo dukwiye kwibuka* », Umuseso n°279, 7-14 Mata 2007, p.4 ; « *ARCT : Twakwitegura dute icyunamo kugirango cyitwubake aho kugirango kidukomeretse* », Umuseso n° 279 , 7-14, 2007 , p.5 ; « *Other genocide remains given decent burial in Kizinguro* », The New Times, n° 1160 of 25 , April 2007, p.4 ; « *Kwibuka bikwiye kuva mu magambo* », Imvaho Nshya n° 1702, 23-29 Mata 2007, p.8 ; « *Gusura urwibutso byonyine ntibihagije* », Imvaho Nshya n° 1700, 09-15 Mata 2007, p.7.

2.1.2. IMIBEREHO Y'ABAROKOTSE JENOSIDE

Inkuru zanditswe ku mibireho y'abarokotse jenoside (B) ni 11.64% by'inkuru 378 zasesenguwe mu binyamakuru. Ibyo bigaragara mu binyamakuru *Gasabo*, *The New Times*, *Imvaho Nshya, La Nouvelle Relève*, na *Grands Lacs Hebdo* : « *Imfubyi za jenoside ziratakamba* », Gasabo n°52, 20-30 Mata 2007, p.4 ; « *Over 9,000 survivors in Gasabo require support* », The New Times n° 1147 of 10 April 2007, p.3 ; « Survivors should be helped », The New Times n°1149 of 12 April 2007, p.7 ; « *Genocide orphans deserve extra attention* », The New Times n° 1149 of 12 April 2007 p.10 ; « Imiryango y'abarokotse 14.000 irimo gutegurirwa amacumbi », Imvaho Nshya Nshya n° 1699 2-8 Mata 2007, p.III ; « *Nyamagabe : imirenge mu gufasha abacitse ku icumu* », Imvaho Nshya n° 1702, 23-29 Mata 2007, p.1.

2.2. ICYIBANZWEHO

Nk'uko ibinyamakuru byandika ku ngingo zitandukanye, mu nkuru zasesenguwe usanga hari ingingo zimwe na zimwe byagiye byibandaho bitewe n'icyo abanditsi b'inkuru bifuza kumvikanisha cyane mu gihe cyo kwibuka abanyarwanda bazize jenoside yo mu mwaka wa 1994. Ingingo zibanzweho zose zihagarariwe n'ibimenyetso (2a- 2l) nkuko bigaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 17[5] Icyibanzweho

Ikinyamakuru	**2a**	**2b**	**2c**	**2d**	**2e**	**2f**	**2g**	**2h**	**2i**	**2j**	**2k**	**2l**	**Igiteranyo**
Focus	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	**2**
Gasabo	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	1	**2**
GLH	2	1	0	0	0	0	0	0	0	1	4	1	**9**
Huguka	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
Imvaho Nshya	0	4	0	0	7	0	0	4	2	10	3	28	**58**
Ingabo	0	0	0	1	0	0	0	0	0	1	0	3	**5**
Inkiko Gacaca	0	0	0	1	0	0	0	1	5	2	0	5	**14**
Inyenyeri	2	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0	4	**7**
Kinyamateka	1	0	0	1	0	0	0	1	3	1	2	2	**11**
LNR	1	1	0	4	1	2	1	0	2	4	0	7	**23**
Rugari	0	2	0	3	0	0	0	0	4	0	0	0	**9**
Rushyashya	0	0	0	4	0	0	2	0	2	2	1	3	**14**
TNT	3	6	3	12	11	3	14	0	34	30	12	68	**196**
News Line	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0	1	3	**5**
Umuco	1	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	1	**3**
Umurinzi	0	0	0	0	0	0	0	0	2	1	0	0	**3**
Umusanzu	1	0	0	0	0	0	0	0	3	0	0	0	**4**
Umuseso	0	0	0	3	1	0	1	0	1	0	0	1	**7**
Umuvugizi	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	**1**
Umwezi	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	1	**2**
Urumuri	0	1	0	0	0	0	0	0	1	1	0	0	**3**
Igiteranyo	**11**	**16**	**3**	**31**	**20**	**6**	**18**	**7**	**60**	**54**	**23**	**129**	**378**
%	**2.91**	**4.23**	**0.79**	**8.20**	**5.29**	**1.40**	**4.76**	**1.85**	**15.87**	**14.29**	**6.08**	**34.13**	**100**

Nk'uko kandi bigaragara muri iyi mbonerahamwe, ingingo « kwibuka » (2l) ni yo yibanzweho mu nyandiko z'ibinyamakuru byose zingana na (34.13%) by'inkuru zibanze ku kwibuka abazize jenoside (zingana 129). Izindi ngingo zibanzweho cyane ni « ubutabera, inkiko gacaca n'imirimo nsimburagifungo (2i) (15.87%) ».

2.3. AHANTU

Inkuru zandikwa, ari izivuga ibyabaye n'izisesengura, ibitekerezo by'abasomyi n'izindi, zigaragaza aho ibivugwa mu nkuru byabereye. Muri iri sesengura hitawe ku kureba na none aho izo nkuru zabereye, ni ukuvuga mu turere twose two mu gihugu duhagarariwe n'inyuguti (D1-D30) n'aho D31 ihagarariye inkuru zireba igihugu cyose muri rusange, D31 ni nkuru zireba amahanga. Utu turere turagaragara neza mu mboberahamwe ya 5.

[5] 2a: Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu; 2b:Ivangura ry'amoko n'amacakubiri; 2c: Ihohoterwa rishingiye ku gitsina; 2d: Ibibazo w'abatangabuhamya; 2h:Impozamarira ku bacitse ku icumu; 2i:Ubutabera,Gacaca, Imirimo nsimburagifungo; 2j: Ingengabitekerezo ya jenoside; 2k: Uruhare rw'umuryango mpuzamahanga muri jenoside; 2l:Kwibuka abazize jenoside

Imbonerahamwe ya 18 Ahantu [6]

Ahantu	Focus	Gasabo	GLH	Huguka	Imvaho Nshya	Ingabo	Inkiko Gacaca	Inyenyeri	Kinyamateka	LNR	Rugali	Rushyashya	TNT	The Newsline	Umuco	Umurinzi	Umusanzu	Umuseso	Umuvugizi	Umwezi	Urumuri	Igiteranyo	%
D1	0	0	0	0	3	0	0	1	0	4	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	9	2.38
D2	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0.26
D3	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.53
D4	0	0	0	0	9	0	2	0	0	0	2	1	34	0	0	0	0	0	0	0	0	48	12.70
D5	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	3	0	0	0	0	0	0	0	0	3	0.79
D6	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	4	0	0	0	0	0	0	0	0	5	1.32
D7	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	1	0.26
D8	0	0	0	0	0	0	0	0	1	3	0	0	11	0	0	0	0	0	0	0	0	15	3.97
D9	0	0	0	0	0	0	0[7]	0	0	1	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.53
D10	0	0	0	0	2	0	0	1	0	1	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	5	1.32
D11	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	3	0	0	0	0	0	0	0	0	4	1.06
D12	0	0	0	0	1	0	1	0	0	0	1	0	5	0	0	0	0	0	0	0	0	8	2.12
D13	0	0	0	0	3	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	4	1.06
D14	0	0	0	0	1	0	0	0	0	2	1	0	4	0	0	0	0	0	0	0	0	8	2.12
D15	0	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	2	0	0	0	0	0	0	0	0	3	0.79
D16	0	0	0	0	2	0	0	0	0	0	0	0	3	0	0	0	0	0	0	0	0	5	1.32
D17	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
D18	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
D19	0	0	0	0	1	0	1	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	3	0.79
D20	0	0	0	0	5	0	1	0	2	1	0	0	6	0	0	0	0	0	0	0	0	15	3.97
D21	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.53

[6]

D1:Bugesera; D2:Burera; D3:Gakenke ; D4 :Gasabo ; D5 :Gatsibo ;D6 :gicumbi ;D7 :Gisagara ;D8 :Huye ; D9 :Kamonyi D10: Karongi; D11:Kayonza; D12:Kicukiro; D13:Kirehe; D14:Muhanga, D15:Musanze;D16:Ngoma;D17:Ngororero; D18: Nyabihu; 19:Nyagatare; D20:Nyamagabe; D21:Nyamasheke; D22:Nyanza; D23:Nyarugenge; D24:Nyaruguru; D25:Rubavu; D26:Ruhango; D27:Rulindo; D28:Rusizi; D29:Rutsiro; D30:Rwamagana; D31: National D32: International

D22	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
D23	0	0	0	0	3	0	0	0	0	1	1	3	7	0	0	0	0	2	0	0	0	17	4.50
D24	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	2	0.53
D25	0	0	0	0	4	0	1	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	5	1.32
D26	0	0	0	0	1	0	0	0	0	1	0	0	1	0	0	0	2	0	0	0	0	5	1.32
D27	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
D28	0	0	1	0	3	1	0	0	0	0	0	1	11	0	0	0	0	0	0	0	0	17	4.50
D29	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0.00
D30	0	0	0	0	1	0	0	0	0	2	0	0	6	0	0	0	0	0	0	0	0	9	2.38
D31	2	2	7	0	14	3	5	3	8	6	4	7	68	5	3	3	2	5	0	2	3	152	40.21
D32	0	0	1	0	1	1	3	1	0	0	0	1	19	0	0	0	0	0	1	0	0	28	7.41
Igiteranyo	2	2	9	0	58	5	14	7	11	23	9	14	196	5	3	3	4	7	1	2	3	378	100

Nk'uko imbonerahamwe ˚n 20 ibigaragaza, mu nkuru zirebana no kwibuka zasohotse mu binyamakuru byakorewe isesengura, inyinshi muri zo ni inkuru zishyirwa mu rwego rw'igihugu (D31) (40.21%). Ibi bikaba byerekana ko ibinyamakuru byakunze kwandika ku mihango yo kwibuka (gushyingura, ibiganiro, gusura inzibutso za jenoside) byateguwe ku rwego rw'igihugu ndetse no ku magambo ajyana nabyo yavuzwe n'abayobozi n'abayoborwa. Akarere kanditsweho inkuru nyinshi mu rwego rwo kwibuka jenoside ni akarere ka Gasabo (D4), kanditsweho inkuru zingana na 12.70% by'inkuru (378) zose zatangajwe. Uturere twa Ngororero, Nyanza, Nyabihu na Rulindo nta nkuru n'imwe yadutangajweho mu binyamakuru byakorewe isesenguramakuru. Ibi bigaragaza ko itangazamakuru ryandika ryibanze mu Mujyi wa Kigali cyane kurusha utundi duce twigihugu.

2.5. UBWOKO BW'INKURU

Nk'uko itangazamakuru rifite ishingano yo kwigisha no kujijura, ni ukuvuga ko rifite ubushobozi bwo kugira icyo ryongera cyangwa rihindura ku myumvire ya rubanda. Ni nayo mpamvu ryashoboye kugira uruhare runini mu gutuma jenoside y'Abatutsi yo mu 1994 ishoboka kandi rikaba rinasabwa kugira uruhare rukomeye mu gukemura ingaruka zayo no kuyikumira kugira ngo itazongera kubaho ukundi. Ibyo rero ntiryabigereho mu gutangaza ibyabaye gusa, ahubwo ni na ngombwa gutanga ibitekerezo bwite by'abanyamakuru, kugaragaza icyo rubanda itekereza ku byatangajwe cyangwa ibibazo ifite, kubisesengura, n'ibindi. Ni yo mpamvu rero mu isesenguramakuru ryakozwe ku byatangajwe n'ibinyamakuru ku bijyanye no kwibuka ku nshuro ya 13 jenoside yabaye mu Rwanda, abasesenguramakuru bashatse kugaragaza aho abanditsi b'inkuru bahagaze mu kugaragaza ibitekerezo byabo bwite cyangwa ibya rubanda ku ngingo zimwe na zimwe nko kwibuka abazize jenoside, ubumwe n'ubwiyunge, inkiko Gacaca, ingengabitekerezo ya jenoside, n'ibindi.

Imbonerahamwe ya 19: Ubwoko bw'inkuru[8]

Ubwoko bw'inkuru	**U1**	**U2**	**U3**	**U4**	**U5**	**U6**	**U7**	**U8**	**U9**	**U10**	**igiteranyo**
Focus	1	0	1	0	0	0	0	0	0	0	**2**
Gasabo	0	0	0	0	2	0	0	0	0	0	**2**
GLH	3	0	1	0	3	1	0	0	1	0	**9**
Huguka	0	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**0**
Imvaho Nshya	45	3	3	0	2	4	0	0	1	0	**58**
Ingabo magazine	2	0	1	0	1	1	0	0	0	0	**5**
Inkiko Gacaca	9	0	1	0	0	4	0	0	0	0	**14**
Inyenyeri	4	0	0	0	1	2	0	0	0	0	**7**
Kinyamateka	7	0	0	0	3	1	0	0	0	0	**11**
LNR	18	0	3	0	2	0	0	0	0	0	**23**
Rugari	6	0	0	0	3	0	0	0	0	0	**9**
Rushyashya	6	0	2	0	1	0	0	0	5	0	**14**
TNT	106	1	10	1	16	43	0	0	8	11	**196**

[8] U1:Inkuru ivuga ibyabaye; U2:Inshamake;U3:Ijambo ry'ibanze;U4: Igishushanyo; U5:Igitekerezo bwite; U6:Inkuru Isesengura; U7: Ifoto; U8:Ikusanyabitekerezo (opinion poll); U9:Ikiganiro(interview) U10: Ibindi (Ibitekerezo by'abasomyi, amabaruwa agenewe ubwanditsi,…)

The Newsline	0	0	1	0	2	1	0	0	1	0	**5**
Umuco	1	0	1	0	0	1	0	0	0	0	**3**
Umurinzi	2	0	0	0	1	0	0	0	0	0	**3**
Umusanzu	2	0	1	0	1	0	0	0	0	0	**4**
Umuseso	4	0	1	0	1	1	0	0	0	0	**7**
Umuvugizi	0	0	0	0	0	1	0	0	0	0	**1**
Umwezi	0	0	1	1	1	0	0	0	0	0	**2**
Urumuli	3	0	0	0	0	0	0	0	0	0	**3**
igiteranyo	**219**	**4**	**27**	**1**	**40**	**60**	**0**	**0**	**16**	**11**	**378**
%	**58**	**1.06**	**7.14**	**0.3**	**11**	**15.87**	**0**	**0**	**4.2**	**2.9**	**100**

Nk'uko imbonerahamwe ya 23 ibigaragaza, ibinyamakuru byakorewe isesengura byakunze gutangaza inkuru zivuga ibyabaye (U1) (58%). Muri ibyo binyamakuru kandi harimo ibigaragaramo inkuru zisesengura (U6) 15.87%.Inkuru z'ibitekerezo bwite by'abanyamakuru U5 zingana na 11%, naho ijambo ry'ibanze (U3) rikaba ringana na 7.14%. Ibi bikaba rero byerekana ko inshingano yo kumenyesha /gutangaza ibyabaye yibanzweho kurusha izindi.

UMWANZURO

Inkuru zanditswe mu binyamakuru mu kwezi kwa Mata 2007 zivuga ku kwibuka jenoside zikaba zarakorewe isesenguramakuru ni 378. Muri zo 196 ni izatangajwe n'ikinyamakutu The New Times, ari nacyo cyonyine gisohoka buri munsi kugeza ubu mu Rwanda. Ingingo yagarutsweho cyane mu makuru yasesenguwe ni ukwibuka jenoside (F) zingana na (85) (22.49%) aho ibinyamakuru byanditse ku mihango yo gushyingura imibiri y'abazize jenoside, ubuhamya bw'abarokotse itsembabwoko, amagambo y'avuzwe n'abayobozi n'ibindi. Mu nkuru zasesenguwe, « kwibuka abazize jenoside » (2l) ni ingingo yibanzweho kurusha izindi (34.13%). Inyinshi muri izo nkuru kandi ni izivuga ibyabaye U1 (219) 58%, kandi zibanda ku rwego rw'igihugu (D31) 40.21%. Akarere katawemo inkuru kurusha utundi ni Gasabo (D4) (13.70%). Ku birebana n'inkomoko y'inkuru, inkuru 4 nizo zitagaragarizwa inkomoko. Kuri iyi ngingo abayoborwa ni bo bakunze kwifashishwa nk'inkomoko y'inkuru (33.60%).

IGICE CYA GATATU

III. IBYEREKEYE IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO N'AMAHAME BIGENGA UMWUGA W'ITANGAZAMAKURU MU RWANDA

Buri kwezi kwa Mata uko umwaka utashye, mu Rwanda hibukwa amahano ya jenoside y'Abatutsi yagwiririye u Rwanda mu mwaka wa 1994. Iki aba ari igihe kidasanzwe ku banyarwanda by'umwihariko n'abatuye isi bose muri rusange. Ibikorwa bijyanye no kwibuka jenoside bikora ku mbamutima (sentiments) ya benshi cyane cyane. Gutara no gutangaza amakuru arebana n'ibyo bikorwa ni umurimo utoroshye ku bakora umwuga w'itangazamakuru. Mu gihe nk'iki ariko nabwo, abanyamakuru basabwa gukomeza kubahiriza amahame n'amategeko bigenga umwuga mu byo batangaza. Nk'uko ingingo ya 7 y'amahame agenga abanyamakuru n'umwuga w'itangazamakuru ibivuga, abanyamakuru bagomba kugira umutima wa kimuntu mu gihe cy'ibyago n'amakuba. Basabwa ariko andi kwirinda amarangamutima, kubogama, guca imanza, gutukana n'ibindi byatuma umwuga wabo utera ibibazo aho kubikemura.

Nyuma yo kumva, gusoma no gusesengura ibyatangajwe, Inama Nkuru y'Itangazamakuru yasanze abanyamakuru barageregeje kwitwararika/kubahiriza iyi ngingo. Cyakora « Nta byera ngo de ! » ; nk'uko bigaragazwa mu bika bikurikira, hari zimwe mu ngingo z'amategeko n'amahame bigenga abanyamakuru n'umwuga w'itangazamakuru zitubahirijwe.

3.1. KUTAGARAGAZA INKOMOKO Y'INKURU

Mu gusesengura inkuru zatangajwe mu gihe cyo kwibuka jenoside, harebwe inkomoko y'ibyatangajwe, nk'uko bisabwa mu mwuga w'itangazamakuru, kandi bikaba bigenwa n'Itegeko n° 18/2002 mu ngingo ya 68(4) : « *gutangaza amakuru afite gihamya, bitaba ibyo akisegura mu kuyatangaza. Impuha ntizitangazwa* ». Amahame agenga abanyamakuru n'umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda mu ngingo yayo ya 11 igira iti : "*Kwibaza buri gihe ku mpamvu no kugaragaza inkomoko y'inkuru, keretse mu gihe wayibonye mu ibanga. Mbere yo kwemera ko ari ibanga, banza ubaze impamvu ari ibanga. Mu gihe mwemeranyijwe ko ari ibanga ugomba kuryubahiriza*".

3.1.1. RADIYO NA TELEVIZIYO

Imbonerahamwe ikurikira irerekana uburyo buri radiyo na televiziyo byagaragaje inkomoko z'inkuru byatangaje ku buryo bunyuranye : abayobozi, abayoborwa, ibitangazamakuru n'ibindi bishobora kuba inkomoko y'inkuru.

Imbonerahamwe ya 20: Inkomoko y'inkuru[9]

Radio/TVR Inkomoko y'inkuru	Inkuru zatangajwe	S1	S2	S3	S4	S5	S6	S7	S8
Radio 10	6	3	2	1	0	0	0	0	0
Contact FM	30	7	13	5	1	3	0	0	1
Flash FM	18	10	4	2	0	0	0	0	0
Ra- Salus	18	1	14	3	0	0	0	0	0
City Radio	17	2	8	3	3	0	0	0	1
Ra- Rwanda	64	25	22	10	0	0	1	6	0
Ra-Huye	11	1	0	10	0	0	0	0	0
Ra- Rubavu	18	3	1	14	0	0	0	0	0
Ra-Rusizi	16	6	6	4	0	0	0	0	0
BBC	26	7	8	9	0	0	0	1	0
VOA	13	4	5	4	0	0	0	0	0
Ra- Mariya	1	0	0	0	0	0	0	1	0
TVR	52	9	25	12	6	0	0	0	0
Igiteranyo	290	79	108	78	10	3	1	8	2
%		27	37.59	26.9	3.448	1.03	0.34	2.76	0.69

Nk'uko ijanisha ribigaragaza mu nkuru zatangajwe *Abayoborwa* (S2) bahawe uruhare runini (37.59%) mu gutangaza amakuru. *Abayobozi* ni bo baza ku mwanya wa kabiri ku rugero rwa 27%, naho Abayoborwa n'abayobozi b'inzego z'ibanze (S3) yabaye inkomoko ya gatatu 26.9%.

Iki gishushanyo kiragaragaza uko buri radiyo na TV yakoresheje buri nkomoko y'inkuru



[9] S1: Abayobozi; S2: Abayoborwa;S3: Abayoborwa n'abayobozi b'inzego z'ibanze;S4:Abanyamahanga;S5:Ibiro ntaramakuru; S6:Documentation;S7:Ibitangazamakuru; S8: Ibindi (kwitegereza, amabaruwa agenewe ubwanditsi,…)

Kubahiriza ko buri nkuru igomba kugaragarizwa inkomoko, imbonerahamwe ikurikira iragaragaza inkuru zigaragarizwa inkomoko n'izitagaragarizwa inkomoko.

Imbonerahamwe ya 21: Inkuru zigaragarizwa inkomoko >< Inkuru zitagaragarizwa inkomoko

Radio/TVR Inkomoko y'inkuru	Inkuru zatangajwe	Izigaragarizwa inkomoko	%	Izitagaragarizwa inkomoko	%
Radio 10	6	6	100.0	0	0
Contact FM	30	30	100.0	0	0
Flash FM	18	16	88.9	2	0.36
Ra- Salus	18	18	100.0	0	0
City Radio	17	17	100.0	0	0
Ra- Rwanda	64	64	100.0	0	0
Ra-Huye	11	11	100.0	0	0
Ra- Rubavu	18	18	100.0	0	0
Ra-Rusizi	16	16	100.0	0	0
BBC	26	25	96.2	1	0.26
VOA	13	13	100.0	0	0
Ra- Mariya	1	1	100.0	0	0
TVR	52	51	98.1	1	0.52
Igiteranyo	290	286	98.62	4	1.38

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, inkuru 98.6% kuzakorewe isesengura zigaragarizwa inkomoko, naho 1.38% by'inkuru 290 zatangajwe ni zo zitagaragarizwa inkomoko. Inkuru zitagaragarijwe inkomoko ni izatangajwe na Flash FM (0.36% by'inkuru 18), BBC (0.26% by'inkuru 26) na TVR (0.52 by'inkuru 52). Urugero : « *Umunyarwanda Désiré Munyaneza ukurikiranyweho icyaha cya jenoside yakoreye mu cyahoze ari intara ya Butare uri kuburanira mu gihugu cya Canada, ku munsi w'ejo yitabye urukiko ari mu kagare k'ibicumba nyuma yo gukubitwa n'umuntu bari bafunganye* », Flash FM, kuwa 11/4/2007 saa moya (07.00 pm) ; « Umunyamabanga Mukuru wa LONI Bwna Ban Ki Moon, arasaba umuryango mpuzamahanga gufatanya mu gukumira jenoside bityo ntizongere kubaho ukundi.. », TVR, 11/4/2007, saa moya n'igice (7h30 pm).

Igishushanyo gikurikira kiragaragaza muri rusange inkuru zigaragarizwa n'izitagaragarizwa inkomoko.



3.1.2. IBINYAMAKURU

Imbonerahamwe ikurikira irerekana uburyo buri kinyamakuru cyagaragaje inkomoko z'inkuru cyatangaje ku buryo bunyuranye : abayobozi, abayoborwa, ibitangazamakuru n'ibindi bishobora kuba inkomoko y'inkuru.

Imbonerahmwe ya 22: Inkomoko y'inkuru[10]

Ikinyamakuru	Inkuru zatangajwe	S1	S2	S3	S4	S5	S6	S7	S8
Focus	2	0	0	0	0	0	0	0	2
Gasabo	2	0	1	0	0	0	0	0	1
GLH	9	0	3	2	0	0	0	0	4
Huguka	0	0	0	0	0	0	0	0	0
Imvaho Nshya	58	14	20	15	2	0	4	0	3
Ingabo	5	0	3	1	0	0	0	0	1
Inkiko Gacaca	14	2	5	2	2	0	3	0	0
Inyenyeri	7	0	2	2	0	0	0	0	3
Kinyamateka	11	1	3	4	0	0	0	1	2
LNR	23	0	12	9	0	0	0	0	2
Rugari	9	1	3	2	0	0	0	0	3
Rushyashya	14	1	5	3	0	0	0	3	2
TNT	196	42	65	20	10	5	8	0	42
News Line	5	1	0	0	0	0	0	0	4
Umuco	3	1	0	0	0	0		0	2
Umurinzi	3	2	0	1	0	0	0	0	0
Umusanzu	4	1	1	0	0	0	0	0	2
Umuseso	7	0	2	3	0	0	0	0	2
Umuvugizi	1	1	0	0	0	0	0	0	0
Umwezi	2	0	0	0	0	0	0	0	2

[10] S1: Abayobozi; S2: Abayoborwa; S3:Abayobozi b'inzego z'ibanze n'Abayoborwa; S4:Abanyamahanga;S5:Ibiro ntaramakuru; S6:Documentation;S7:Ibitangazamakuru; S8: Ibindi (kwitegereza, amabaruwa agenewe ubwanditsi…)

Urumuri	3	1	2	0	0	0	0	0	0
Igiteranyo	378	68	127	64	14	5	15	4	77
%	100	17.99	33.60	16.93	3.70	1.32	3.97	1.06	20.37

Nk'uko bigaragazwa mu mbonerahamwe ya 21, « Abayoborwa » (S2) ni yo nkomoko y'inkuru yakoreshejwe keshi : 127 bingana na 33.60%. Ibi bikaba biterwa n'uko inkuru zasesenguwe inyinshi muri zo ari izivuga ibyabaye (219) bingana na 58% ; ni ukuvuga ko abanyamakuru bageraga aho ibyatangajwe bibera.

Imbonerahamwe ya 23 : Inkuru zigaragarizwa >< Inkuru zitagaragarizwa inkomoko

Ikinyamakuru	Inkuru zatangajwe	Izigaragarizwa inkomoko	%	Izitagaragarizwa inkomoko	%
Focus	2	2	100	0	0.00
Gasabo	2	2	100	0	0.00
GLH	9	9	100	0	0.00
Huguka	0	0	0	0	0.00
Imvaho Nshya	58	58	100	0	0.00
Ingabo	5	5	100	0	0.00
Inkiko gacaca	14	14	100	0	0.00
Inyenyeri	7	7	100	0	0.00
Kinyamateka	11	11	100	0	0.00
LNR	23	23	100	0	0.00
Rugari	9	9	100	0	0.00
Rushyashya	14	13	92.85	1	7.25
TNT	196	192	97.96	4	2.04
News Line	5	5	100	0	0.00
Umuco	3	3	100	0	0.00
Umurinzi	3	3	100	0	0.00
Umusanzu	4	4	100	0	0.00
Umuseso	7	7	100	0	0.00
Umuvugizi	1	1	100	0	0.00
Umwezi	2	2	100	0	0.00
Urumuri	3	3	100	0	0.00
Igiteranyo	378	373	98.67	5	1.33

Imbonerahamwe ya 22 irerekana ko ibinyamakuru byagerageje kugaragaza inkomoko y'inkuru byatangaje. Mu nkuru zose zasesenguwe mu binyamakuru, inkuru 5. Inkuru 4 z'ikinyamakuru The New Times (1.06%) ni zo zitagaragarizwa inkomoko. Urugero: "*Resurrection after genocide- How genocide was carried out in former French Zone Turquoise*", TNT N° 1148 p 2-3 (pull out).

Ikinyamakuru Rushyashya kigaragaramo inkuru imwe: "*Musenyeri Ntihinyurwa yifuje kubatiza mu cyunamo.Iyi gahunda yo kubatiza kuri pasika yapanzwe na Musenyeri Ntihinyurwa agamije kugaragaza ko icyunamo nta gaciro gifite*"; Rushyashya n° 58, urup.



3.2. GUKORESHA IMVUGO ITUKANA

Mu mwuga w'itangazamakuru, abanyamakuru babujijwe gukoresha imvugo itukana nk'uko biteganywa n' Itegeko n° 18/2002 rigenga itangazamakuru mu Rwanda mu ngingo yaryo ya 70 : «Umunyamakuru abujijwe …., gusesereza,….gutukana…gusebanya n'ibirego bidafite ishingiro". Nyamara bimwe mu binyamakuru byagaragayemo imvugo zitaboneye kandi zafatwa nko gutukana. Urugero : Ikinyamakuru The Newsline mu nimero yacyo ya 048, mu nkuru igira iti « How the International Community, foreign media betrayed Rwanda», hari aho umwanditsi agira ati «*Despite the uphill encounter, the patriotic forces managed to push back those monsters*». Mu by'ukuri, nubwo abahekuye u Rwanda bakoze amahano y'indengakamere, mu mwuga w'itangazamakuru birabujijwe gukoresha imvugo itukana.

Mu kinyamakuru Imvaho Nshya nimero 1700, mu nkuru ifite umutwe "Amahanga azicuze-Kagame". Hari aho umwanditsi avuga ku rugero rwatanzwe na Perezida ku bantu bavuga ko bakijije abantu muri jenoside. Uko umwanditsi atangaza iyo nkuru arakoresha imvugo itukana aho agira ati: "…. Rusesabagina (uzwiho ubusambo)". Mu myandikire y'iyi nkuru, umwanditsi yaratukanye kuko atagaragaza uko abona cyangwa yumvise/yabwiwe ko Rusesabagina ari igisambo.

3.3. GUCA IMANZA IMBERE Y'INKIKO NO KUVUGA IBINTU MURI RUSANGE

Ingingo ya 22 y'amahame agenga umwuga w'itangazamakuru igira iti: "Kubahiriza ko umuntu wese aba ari umwere igihe cyose inkiko zibifitiye ububasha zitaramuhamya icyaha….". Birabujijwe kandi kuvuga ibintu muri rusange ukabyitirira abantu benshi utagaragaza abo ari bo kuko bishobora gutera urujijo. Kutubahiriza izi ngingo byagaragaye aho umunyamakuru agira ati: "Ingengabitekerezo yo irahari kandi bamwe mu bayobozi b'inzego z'ibanze babifitemo uruhare". Ibi umwanditsi yabitangaje mu nkuru ivuga ngo "Makuza yagaye Nyaruguru" , Imvaho Nshya nimero 1702, ku rupapuro rwa mbere.

3.4. KUTAGARAGAZA INKOMOKO Y'AMAFOTO

Ingingo ya 19 y'Itegeko n° 18/2002 rigenga itangazamakuru n'umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda igira iti « Amafoto atangajwe akuwe ahandi agomba kwandikwaho izina cyangwa ikiranga uwayafashe cyangwa iby'uwatanze uburenganzira bwo kuyatubura ». Nyamara nk'uko byagaragaye mu binyamakuru, hari amwe mu mafoto atagaragarizwa inkomoko muri bimwe mu

binyamakuru byasesenguwe. (Amafoto yagaragaye mu nkuru zasesenguwe agaragarizwa inkomoko n'atagaragarizwa inkomoko biri ku mugereka w'iyi raporo).

3.5. GUKORESHA AMAGAMBO ADAKWIYE

Ikinyamakuru La Nouvelle Relève, mu nimero yacyo ya 617 hari inkuru igira iti : Le génocide des Tutsi date des années 50 ». Muri iyi nkuru hari aho umwanditsi agira ati :« Le carnage homme de 1994 au Rwanda est le résultat de plusieurs essais de « micro- génocide », LNR N° 617, urupapuro rwa mbere. Akaremajambo (word component) « micro » umwanditsi yakoresheje ntiyari akwiye kugakoresha kuko gashobora kumvikana nk'agapfobya jenoside ; ahubwo yari akwiye gukoresha « génocide ». Nta jenoside ntoya ibaho.

Mu makuru yatangajwe mu gihe cyo kwibuka jenoside ku nshuro ya cumi na gatatu, hari ahagaragaye ijambo ridakwiye gukoreshwa. Urugero : « … gahunda nyinshi zirimo gushyingura ibisigazwa by'abacu bazize jenoside… ». Ibi bigaragara mu kinyamakuru inyenyeri n°02, p. 11, mu nkuru ifite umutwe « Abazize jenoside baracyashyingurwa i Karongi ». Ijambo "*ibisigazwa*" ntirikwiye kuko ryumvikana nk'iridahesha agaciro abazize jenoside.

UMWANZURO

Nk'uko bigaragazwa muri iki gice cya gatatu cy'iyi raporo y'isesengura abanyamakuru bagerageje kubahiriza amategeko n'amahame agenga umwuga muri rusange, amakosa yagaragaye mu nkuru zimwe (nazo nke) mu nkuru zose zasesenguwe ni ukutagaragaza inkomoko y'inkuru (9), gukoresha imvugo itukana (2), guca imanza mbere y'inkiko (1), kutagaragaza inkomoko y'amafoto, mu mafoto 243 agaragara ku nkuru zasesenguwe 142 ntagaragarizwa inkomoko no gukoresha amagambo adakwiye mu nkuru (2). Ni yo mpamvu rero Inama Nkuru y'itangazamakuru yibutsa abanyamakuru ko bakwiye buri gihe kubahiriza amategeko n'amahame bigenga umwuga w'itangazamakuru kuko ari bwo rubanda izarushaho kurigirira ikizere kandi rigatanga umusanzu ufatika mu kubaka igihugu.

UMWANZURO RUSANGE

Iyi raporo y'Inama Nkuru y'Itangazamakuru iragaragaza ku buryo burambuye ibyagaragajwe n'isesengura ry'amakuru yatangajwe ubwo u Rwanda rwibukaga ku nshuro ya cumi na gatatu jenoside y'Abatutsi yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994. Intego y'ingenzi y'uyu murimo ni ukugaragaza uburyo ibinyamakuru, amaradiyo na televiziyo byamenyesheje abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga ibijyanye n'igikorwa cyo kwibuka jenoside. Ingingo z'ingenzi zashingiweho muri iki gikorwa, ni ukugaragaza ubwoko bw'inkuru itangazwa (mu bitangazamakuru), ikivugwaho mu nkuru, icyibanzweho mu nkuru, inkomoko y'ibivugwa mu nkuru n'ahantu ibivugwa mu nkuru byabereye. Iyi raporo irerekana ishusho ya buri gitangazamakuru cyakorewe isesenguramakuru mu bikorwa binyuranye bijyanye no kwibuka jenoside ku nshuro ya cumi na gatatu. Ntabwo isesengura rireba inkuru zatangajwe zose, ahubwe ni izirebana no kwibuka jenoside.

Mu itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho, inkuru zasesenguwe zose hamwe ni 290, zatangajwe kuva kuwa 2 kugeza kuwa 14 Mata 2007. Nk'uko bigaragazwa n'isesengura, buri

radiyo na televiziyo byakorewe isesenguramakuru byagerageje gutangaza inkuru zijyanye no kwibuka jenoside. Mu itangazamakuru rikoresha inyandiko, inkuru zasesenguwe ni 378, zatangajwe mu kwezi kwa Mata 2007. Ibinyamakuru byakorewe isesenguramakuru (uretse ikinyamakuru HUGUKA) byatangaje byibura inkuru imwe ku bijyanye n'igikorwa cyo kwibuka jenoside ku nshuro ya cumi na gatatu.

Ingingo yibanzweho kurusha izindi mu nkuru zasesenguwe ni "ukwibuka jenoside" (F), haba mu itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho (32.76%), haba no mu itangazamakuru ryandika (22.49%). Kuri iyi ngingo, ibitangazamakuru byibanze ku mihango yo gushyingura abazize jenoside, ubuhamya bw'abarokotse itsembabwoko, amagambo yahavuzwe n'abayobozi, ibiganiro mbwirwaruhame, n'ibindi. Mu nkuru zasesenguwe, akarere ka Gasabo kavuzweho inkuru nyinshi kurusha utundi, haba ku maradiyo na televiziyo (19.31%), haba no mu (13.70%) binyamakuru. Mu itangazamakuru ryandika, 40.21% by'inkuru zasesenguwe zivuga ubuzima bw'igihugu muri rusange, naho mu itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho zingana na 11.03%. Mu nkuru 378 zasesenguwe mu binyamakuru, 58% byazo ni izivuga ibyabaye.

Muri rusange, iyi raporo y'isesenguramakuru ku byatangajwe n'ibinyamakuru, amaradiyo na televiziyo mu gihe cyo kwibuka jenoside yabaye mu Rwanda ku nshuro ya 13, iragaragaza ko ibitangazamakuru byagerageje kuzuza inshingano zabyo.

IBYIFUZONAMA

Ishingiye ku byagaragajwe n'uyu murimo w'isesenguramakuru, Inama Nkuru y'Itangazamakuru isanga ingingo zikurikira zikwiye kwitabwaho:

- Ibitangazamakuru bikwiye kugerageza kugera mu turere twose tw'igihugu, mu rwego rwo gutangaza ibyahabereye kuko jenoside yo mu mwaka wa 1994 nta ho yasize mu gihugu. Kugaragaza ibibera mu turere twose tw'igihugu kandi byabera urugero utundi cyangwa n'inzego zibishinzwe zikaboneraho kumenya ibibazo no kubishakira umuti ;

- Hakwiye kongerwa umubare w'amaradiyo y'abaturage cyane cyane hashyigikirwa ishoramari mu cyaro kugira ngo uturere tunyuranye tw'igihugu tugire ibitangazamakuru bitwegera. Ibyo bizafasha kujya bitangaza imibereho y'abadutuye bakabona n'uburyo buhoraho bwo gukangurirwa kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo. Ibi bitangazamakuru kandi byanafasha mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bikanaba uburyo bwo kurwanya ubukene mu cyaro ;

- Amaradiyo y'abaturage ya Leta akwiye kongererwa ubushobozi kugira ngo ajye abasha kugeza ku bayumva amakuru yuzuye yaba ayo mu rwego rw'igihugu cyangwa ay'amahanga mu bihe byo kwibuka jenoside n'ibisanzwe ;

- Inama Nkuru y'Itangazamakuru ifatanyije n'inzego zifite kwibuka jenoside mu nshingano n'iz'itangazamakuru muri rusange zikwiye kujya zitegura amahugurwa agenewe abanyamakuru kugira ngo basobanurirwe insanganyatsiko yo kwibuka babanafashe mu kurushaho kuyisobanurira abaturarwanda ;

- Itangazamakuru ryandika ntirikwiye kwibanda gusa ku gutangaza ibyabaye, no ku magambo yavuzwe n'abayobozi; ahubwo rigomba kugira icyo ribivugaho rikanabisesengura kugira ngo abasomyi barusheho gusobanukirwa ibyabaye n'uburyo bunoza bwo gukumira kuzongera kubaho ukundi ;

- Uruhare itangazamakuru ryagize muri jenoside ntirukwiye kujya rwibagirana mu mikorere y'itangazamakuru cyane cyane mu gihe cyo kwibuka jenoside kuko ari bwo abakora uwo mwuga n'abaturarwanda muri rusange barushaho gusobanukirwa uruhare rwa buri umwe mu kuyirwanya kugira ngo ntizongere kubaho ukundi ;

- Ibitangazamakuru bitagize amakuru bitangaza mu gihe cyo kwibuka jenoside bikwiye kumenya ko inshingano zabyo (kumenyesha no kwigisha abaturage ku bikorwa byose bibafitiye akamaro) zikomeza no mu gihe cy'icyunamo. Kubera iyo mpamvu Radiyo Mariya ikwiye kujya izirikana uruhare rwaye rukomeye igatangaza amakuru kuri jenoside aho kwibanda ku makuru ya Vatican gusa ;

- Abayobozi b'ibitangazamakuru n'abanyamakuru, mu biganiro n'amakuru batangaza, bakwiye gutegura neza inyandiko no kwitondera imvugo bakoresha mu gihe cyo kwibuka jenoside ;

- Abanyamakuru bagomba kumenya ko no mu bihe byo kwibuka jenoside, amategeko n'amahame agenga umwuga w'itangazamakuru akomeza kubahirizwa ;

UMUGEREKA I

KUTAGARAGAZA INKOMOKO Y'AMAFOTO

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza umubare w'amafoto yagaragaye mu nkuru zasesenguwe agaragarizwa inkomoko n'atagaragarizwa inkomoko

IKINYAMAKURU	AMAFOTO YAGARAGAYE MU NKURU ZASESENGUWE	AGARAGARIZWA INKOMOKO	ATAGARAGARIZWA INKOMOKO
Imvaho Nshya	36	26	10
Inyenyeri	3	0	3
Kinyamateka	11	11	0
LNR	36	0	36
Rushyashya	8	4	4
TNT	95	42	53
Focus	1	1	0
Umuco	2	0	2
Umuseso	2	0	2
Urumuli	1	0	1
Ingabo Magazine	10	10	0
Rugari	6	6	0
Umurinzi	6	0	6
Umusanzu	14	0	14
Newsline	1	0	1
Gasabo	0	0	0
Umwezi	1	1	0
Umuvugizi	1	0	1
Inkiko gacaca	7	0	1
Huguka	0	0	0
GLH	8	0	8
Igiteranyo	243	101	142